Madeleine

Classer provisoirement

Bikindi pour exécution.

[signature]

21/4/1977

Je pense qu'il y a lieu de le convoquer par téléphone.

Bikindi

pour exécution

# Note

Je me suis rendu à Kacyiru Dimanche le 5/6/77 et j'ai constaté, après m'avoir présenté la pièce, que notre proposition ci-contre reste valable parce que les entraînements qu'a faits ce groupe j restent à l'état embryonnaire jusqu'ici.

Nous dirons à Bizimungu de se débrouiller autrement.

B le 7/6/77

A classer

8

# Note

Malgré que Bizimungu accepte de suivre notre orientation il a affirmé, encore une fois et très fermement que son théâtre paraît merveilleux sur scène. Pour cela et avec beaucoup d'insistance, il il implore l'assistance du Mijeunesse qui, dit-il, se rendra compte de ce qui est réellement sa pièce.

A mon avis, je crois qu'on ne lui refuserait cette dernière demande qui ne nous coûte pas. Un agent se rendrait sur le terrain pour voir comment cette pièce se joue et en finir par là.

Bikindi

cherchez véhicule et allez-y un de ces jours après avoir pris rendez-vous avec le type. 20/5.

Transmis le 6/5/1977
au Secrétaire Général.
[signature] 6/5

M. le Ministre

J'ai discuté aussi avec le jeune homme et mes appréhensions sont les mêmes que celles de Jean

[signature] 9/5 → Nkulukingiriko [?]
[signature] 11/5

Dans ces conditions nous ne pouvons rien faire pour lui du moins en ce qui concerne la pièce en question
[signature] 9/5

## Note au Secrétaire Général

Nous avons convoqué le nommé Bizimungu Aloys pour discuter avec lui à propos de sa pièce de théâtre. Après cette première discussion, nous lui avons demandé de nous passer une copie dactylographiée de sa pièce. Cela lui a pris du temps puisque son groupe jouait une pièce non écrite où chacun improvisait pratiquement.

Dès qu'il nous a donné la pièce, nous l'avons examinée et nous en concluons ceci:

- 1) La pièce n'a pratiquement ni scènes, ni actes. On ne sait pas quand une épisode finit et quand une autre commence.

2/ Le texte est décousu. Le lien entre les chapitres n'est guère apparent.

3/ Le vocabulaire comporte des énormités telles que des allusions obscènes aux organes sexuels masculins et féminins.

4/ Le jeune homme n'a même pas pensé au décor et à l'accoutrement

Bref, je ne vois pas comment nous pourrions cautionner une affaire pareille. Si le jeune homme veut faire jouer sa pièce, nous pouvons lui chercher la salle et ce serait tout. Enfin je propose que nous pourrions orienter le type chez des groupes déjà formés comme Rafiki de Nyamirambo pour qu'il voit comment on joue du théâtre. Ce pourrait lui être utile.

Oui

Nkulikiyinka J.B.

# Note

Je pense tout simplement qu'il faurait moyen d'orienter Bizimungu Aloys en lui proposant d'adhérer à un groupe théâtral déjà fondé et en marche (par exemple celui de Rafiki) pour qu'il puisse se rendre compte de ce que c'est vraiment qu'un théâtre (comment on l'écrit, comment on la présente) Et, avec ses connaissances de base, il pourra faire démarer sans beaucoup de difficultés son jeunes groupe.

Sinon, malgré le bon thème, la pièce et son auteur montrent très bien qu'une représentation sur scène serait prématurée.

**REUNION DU CONSEIL**
**DES MINISTRES DE L'OCAM**

KIGALI DU 5 AU 8 FEVRIER 1977

Mulikiyinka

J'ai entendu le Scénario et posé qq questions d'ordre pratique.
Vous discuterez avec le petit de toutes les modalités pratiques car la salle peut être disponible.
Vous discuterez aussi
1) de la date
2) de l'accoutrement
3) de la mise en Scène
4) de la longueur de la pièce
5) du problème de moralité (passim dans la pièce, ex. Kuragura --)
Vous me ferez rapidement rapport

21/4

Bizimungu Aloys

C/O SIRWA
B.P. 338

KIGALI

Demander à l'intéressé de venir me voir ou voir le Dégéjal si je suis absent.

Sports (Loisirs et Folklore)

A traiter par : 
Date d'entrée : 20/4/1977 à 9h45'
Classement : 1174/14 08.02

18/4

21/4

Kigali, le 18 avril 1977

Monsieur le Ministre de la Jeunesse,

Monsieur le Ministre,

J'ai l'honneur de porter à votre connaissance que j'ai organisé un groupe thêatral sur notre colline à Kacyiru, cxxxxxxxxxxxxxx ce groupe portant le nom "GROUPE THEATRAL URUGWIRO".

J'ai fondé ce groupe pour aider les jeunes de ma colline afin qu'ils puissent arriver au quelque chose de développement au lieu d'aller chômer en ville ou flâner dans les cabarets puisque la majorité sont les chômeurs.

Monsieur le Ministre,

J'ai composé une pièce intitulée "UMUGISHA URAVUKANWA; NTUBYIGANIRWA", cette pièce dure environ 3 heures. Malhereusement nous n'avons personne pour nous soutenir afin que nous puissions trouver la salle pour la présentation de notre pièce.

C'est une pièce-fleuve

En générale, la pièce est déjà connue il ne nou reste que de faire la présentation mais nous xxxxxx xxxxxx n'avons personne pour nousxx aider alors que nous sommes les débutants et nous sommes incapables de trouver lx l'argent pour louer la salle. C'est la raison pour laquelle x je vous envoie cette lettre pour vous demander si vous pouvez nous aider `a trouver la salle.

Comme la pièce est déjà connue,

nous avons besoin de présenter cette pièce samedi le 6 mai. Pourriez-vous nous aider à trouver la salle et nous donner quelques renseignements ?

Monsieur le Ministre,

J'attends chaleuresement votre bonne réponse.

Bizimungu Al.

Bizimungu Aloys

/H.B./
REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE.

## FICHE DE CONTROLE DE TRANSMISSION DES DOSSIERS.

Ouverture du Dossier : (1)

Demande d'une salle pour présentation d'une pièce de théâtre par le Groupe théâtral URUGWIRO

| Nº | Transmission | | | Réception | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Nº | Service ou personne | Date | Paraphe | Service ou personne | Date | Paraphe |
| 1 | BCA | 21/4 | [signature] | Sports | 21/4 | [signature] |
| 2 | BCA | 21-4 | [signature] | Sports | 21-4 | |
| 3 | BCA | 12/5 | [signature] | Sports | 12/5 | [signature] |
| 4 | | | | | | |
| 5 | | | | | | |
| 6 | | | | | | |
| 7 | | | | | | |
| 8 | | | | | | |
| 9 | | | | | | |
| 10 | | | | | | |
| 11 | | | | | | |

Clôture du Dossier : (2)

(1) Intitulé et autres caractéristiques. A remplir par le Service (ou la personne) qui ouvre le dossier.

(2) Date, sort final réservé au dossier. A remplir par le Service (ou la personne) qui clot le dossier.

"GROUPE THEATRAL URUGWIRO "

~~Titre de la pièce~~ : UMUGISHA URAVUKANWA , NTUBYIGANIRWA

Igice cya mbere

P. 1 Scène I. Mpfuyuruhe , Ilibagiza ,Simbikangwa

Simbikangwa ageze kwa Mpfuyuruhe kureba abako bwa be kuko yashakaga gusaba umwe muli bo. Aliko ntiyabasanzeyo, yasanze baragiye kwa nyirasenge utuye i Gicaca. Ageze mu rugo asangayo se wa babakobwa na Nyina wabo bakobwa. Se yali hanze yihandura imvunja, nyina ali munzu atora ibishyimbo byo guteka. Ageze mu rugo arasuhuza.

SIMBIKANGWA : Muraho yemwe ?

Mpfuyuruhe aramwikiliza kuko aliwe yasanze hanze . A mwikiliza agira ati :

MPFUYURUHE : uraho neza Simbikangwa we ?

SIMBIKANGWA : Yego

Mpfuyuruhe amubaza amakuru yiwabo, y'ababyeyi -yi be .

MPFUYURUHE : Ababyeyi baraho se Simbika ?

Sim bikangwa aramusubiza ati :

SIMBIKANGWA : Ye, ngaho baraho.

Bakomeza ibiganiro byabo (ibihe?). Hanyuma Mpfuyuruhe amubaza igihe se azabonera inzoga ngo azaze kum uvum ba (kumuvumba) amazi mu gikatsi .

MPFUYURUHE : Kabwana azabona urwagwa se lyali ngo nzaze kumuvumba amazi mu gikatsi?

Mpfuyuruhe na Simbikangwa bakomeza ibiganiro byabo . ibihe?

SIMBIKANGWA : Ibye sinabimenya !!!

MPFUYURUHE : Ntiwabimenya, ntuba mu rugo se ?

SIMBIKANGWA : Ahaa, niba mbayo se ugirango programu ze nazimenya !!!

Mpfuyuruhe ahamagara Ilibagiza aliwe mugore we.Ilibagiza yali munzu. A liko ntiyali aziko Sim bikangwa yaje kubagenderera, kuko yashuhuje mu rugo undi ali mu nzu, kandi Ilibagiza akaba yali yarapfuye amatwi. Mpfuyuruhe ahamagara Ilibagiza agira ati :

MPFUYURUHE : Ilibagiza we ?
ILIBAGIZA : Karame.
MPFUYURUHE : Reba agacuma mu cyumba ukanzanire. Kare nabonyemo intama niba hali ikikirangwam o byo sinawuva?menya? dore ko mbona abantu baha munywa kurusha imoteri !!!

-ILibagiza amusubiza arakaye ati :

ILIBAGIZA : Aliko ubwo ni ugushaka gusebya abantu gusa ra ! Ninde wiliwe aha atali wowe.? Dore akira.

N.B. Ilibagiza yali ahagaze, abandi bicaye.

mal tourné

Ayo magambo yose yayavugana ga umujinya atazi ko hanze hali umushyitsi wabagendereye. Maze amukubise amaso amuramukanya ibyishimo byinshi wamujinya yarafite arawukira maze bakomeza kurondogora ku muli aya m agambo :

ILIBAGIZA : Muraho neza se Simbikangwa we ?
SIMBIKANGWA : Muraho ni am ahoro mama ?
ILIBAGIZA : Ngaho turaho n'indwara zitava muli uru rugo. Ahali wagirango nitwe ducumura kuli mana twenyine kubera ibihano ihora iduha.

il faut abréger

Simbikangwa na Ilibagiza bakomeza kuganira icyo gihe Mpfuyuruhe yinywera ga ka kayoga kali mu gacuma aliko bose bali hanze. Ilibagiza aracyakomeza kubaza Simbikangwa uko iwabo bameze, amakuru yabo .

Ilibagiza : Mu rugo ho se bite, ko numvishe bavuga ko Mukasekuru yarembye nuko nkaba nzaza?nza hanyuma nkabura umwanya utilimuka? Aho ntiyabonye mbuze umwanya wo kuza akagirango ni ukumwirengagiza mbese ?Ye,ngiye mu kazi dore ninjye uli mu rugo ngenyine, ba babakobwa ntabahali bagiye kwa nyirasenge nubu ntibaraza. Maze umbwilire hyoko uti nimbona ndamutse amahoro nkabona kandi

?

ILIBAGIZA : Nkabona kandi n'ababakobwa baje nzanyaruka nze kureba uko ameze mu gitondo.

SIMBIKANGWA : Ningerayo nkibyibuka ndamubwira .

ILIBAGIZA : Oya, nzabusa ubizilikane.

Ilibagiza amaze kubwira Simbikangwa ayo magam bo nibwo yinjiye mu nzu akomeza imilimo ye yakoraga kuva kare. Hanyuma Mpfuyuruhe ahereza ka gacuma kalimo inzoga agahereza Simbikangwa nawe aranywa nuko Mpfuyuruhe na Simbikangwa bakomeza kuganira bombi banywa yanzoga. Nuko baganira muli aya magambo :

MPFUYURUHE : Aka kayoga rero ureba Simbikangwa, ni udutoki twali hepfo haliya mu nsi y'urugo. Hanyuma nanga ko Ilibagiza atugereka ku bishyimbo dore ko inzara ili ino ahangaha ilindwa? Nuko maze kuduca ngulirahο utundi, ndatara tumaze gushya ndatwenga. Akagwa kamaze gushya m bona abantu baranshakije ngo baje kuvumba. Mbega abantu ! Ni uguhura inzoga nk'imbwa ihura urukwavu!! None se nawe ubwo nalinzi ko nzakanywa ngenyine nundi kuruhande nishakira nkazamutumira.

SIMBIKANGWA : Arega izuba liliho lirakaze ! Izuba lihera 6 à 6 heures?!!!

Mpfuyuruhe 6 à 6 heures biramutangaza cyane kuko bwali ubwa m bere yumva amagambo nkayo. kuko yali [xxxxx] umusaza wo mu giturage ntiyali azi [xxx]igifransa niko ku mubaza atangaye cyane akubita amashyi agira ati :

MPFUYURUHE : Cyoga se kandi mwana wanjye ! Sizasiza bishaka kuvuga iki?

SIMBIKANGWA: 6 à 6 heures se ?

MPFUYURUHE : Ni ibyo mbese.

SIMIBIKANGWA : Bishaka kuvuga kuva saa 12 za mugitondo kugeza saa 12 za nimugoroba.

MPFUYURUHE : Arega mwana wanjye abize mugira byinshi. Ndacyakubaza ~~mwana~~ wanjye ntundambirwe . Hali ibindi abantu bihaye muli iki gihe Um ugabo ahura nundi ukumva, ~~n'abasaza bahura~~? ~~ukumva~~ umwe abwiye undi ati : " uraho minini". Aho sinibeshye se mwana wanjye, bavuga ngwiki harya ?

SIMBIKANGWA : Bavuga militant iyo ali umugabo.

MPFUYURUHE : Iyo ali umugore se bavuga ngwiki ?

SIMBIKANGWA: Iyo ali umugore bavuga militante.

MPFUYURUHE : Iyo ali umugore bavuga mininipante ?

SIMBIKANGWA: Oya, bavuga militante.

MPFUYURUHE : Ahaa !!! Nta by'abasaza ! Ba data na basogukuru ~~bapfuye~~ bapfuye batumvishe ibyo bilimi badobekeranya bikinze byinshi . Arega ejo bundi nagiye i Kigali kwa Jaralidi, ngeze iwe mpasanga abanyarwanda 2 nabandi bantu 3 batukura cyane, imisatsi yabo ijya gusa [xxxxxxxx] namarende aliko uko nayibonye ubanza inyerera. Nuko nkumva bavuga ibintu ntazi, ntarumva rwose mu buzima bwanjye . Nuko nkabona baseka nanjye nabura uko ngira

a/

MPFUYURUHE : Nanjye nabura uko ngira ngaseka , aliko ntazi icyo nseka, uretse ko nabona ga gusa baseka. Nuko ndakomeza ndya iminwa, nkanja ? amanwa. Ye, Simbika, kuyavuga siko kuyamara. Nali nanze kugusiga wenyine, ngiye mu nama y'umurenge ibera ku Gisozi. Ngaho bagenzi bawe baraje maze muganire.

SIMBIKANGWA : Bali baragiyehe mbese ?

MPFUYURUHE : Bali baragiye kwa nyirasenge utuye i Gicaca. Kandi ndagiye sinzi ko ngusanga aha, ugenda unsuhulize Kabwana na Mukasekuru utingo mutahe cyane . Ngaho urabeho.

SIMBIKAGWA : Ye, urabeho.

MPFUYURUHE : Dore nababakobwa baraje maze mube mumenaho abili, bageze hakurya haliya i Mburabuturo .

a/

bice bigufi

Mpfuyuruhe ajya mu nama y'umurenge yaberaga ku Gisozi. Amaze kugenda Ilibagiza arasohoka ava mu nzu maze akomeza kuganiliza Simbikangwa muli ~~ax~~ aya magambo.:

N.B. Icyo gihe Ilibagiza yicaye kuli va ntebe um ugabo we yahoze yicayeho igihe yaganiraga na Simbikangwa nawe atarajya mu nama ku Gisozi. Ilibagiza na Simbikangwa batangira kuganira :

ILIBAGIZA : Mbese uracyali aha Simbika ?

SIMBIKANGWA . Ndacyahali aliko ngiye kugenda , nali nje kureba babakobwa hali uwabantumyeho none nababuze.

ILIBAGIZA : Ubu nabo bali mu nzira, ndetse hafi hano . ~~Bano~~ Bali bavuze ko isaa 6 bazaba bageze aha.

Mu gihe Ilibagiza ~~acyibivuga~~ acyibivuga abona baraje.

---

ibi byose bivugwa mbere cyangwa mu mikino

ICYITONDERWA: Muli iyi scène ya mbere turangije dore uko bali bambaye.:

Ilibagiza yali yambaye ingutiya n'agashati ka kigore aliko kadafuze .Ntiyali yambaye neza kuko yali mukazi , imisatsi ye ntiyali isokoje.

Mpfuyuruhe we yali yambaye neza kuko yali agiye mu nama, yali agiye kubonana nabandi. Yali akenyeye umwenda w'ibara yiteye undi. Yagiye mu nama anywa itabi . Naho Simbikangwa yali yambaye bya gisore. yambaye impantalo ya patte, ~~in~~ inkweto godu_le,ishati y'ibara afite isaha. ku kuboko.

P.5. Scène II. Simbikangwa, Ilibagiza, Uwimanka, Uwingabire.

Uwo Uwimana na Uwingabire niho bakigera mu rugo bavuye kwa nyirasenge. Baturuka mu gikali baza basa nabananiwe. Bageze mu rugo bakubise amaso Simbikangwa, balishima cyane maze wa munaniro basa naho bawukize. Bageze mu rugo hagati batangira kubasuhuza.

UWIMANA: Muraho neza mama.

Ilibagiza.: Muraho cyane Uwima.

UWINGABIRE : Uraho cyane Simbika ?

SIMBIKANGWA : Uraho Uwingabire we !!!

Nuko bakomeza kuramukanya nkuko tubigenza iwacu mu kinyarwanda .

Hanyuma nyina abaza abakobwa be niba barasanzeyo amahoro kuko batinzeyo.

ILIBAGIZA :Ko mwatinze se mwasanze ali amahoro ?

UWINGABIRE : Twasanze ali amahoro .

ILIBAGIZA : Hanyuma se kujya guturayo mwabitewe niki ?

UWIMANA : Twasanzeyo inzoga nyishi nuko turanywa turasinda tunanirwa kuza.

ILIBAGIZA : Mwaturutseyo aliko mukeshaje ?

UWINGABIRE : Twaje kare nuko dukomeza kuza buhoro buhoro

ILIBAGIZA : Dore mwakerererewe musanga twabacuze ibiryo. Kandi ntawali uzi igihe muzira. Na byabitoki , byarahiye turabyenga, akayoga kavuyemo kaba sinzi igihise kubera abantu baje aha, nako twali twababikiye twabategerezeje nuko turababura nuko nibwo tukinyweye - ye. Mwe kubura byose reka nze njye kubarebera umusururu kwa Rulibikiye. Mbese mwe mwaciye ku muharuro wabo ntagipfuko mwabonye ku muharuro wabo ?

UWIMANA : Twumvaga havugirayo abantu benshi ugomba kuba uliyo .

ILIBAGIZA : Reka nyarukiliyo ndebe.

Nuko nyina ajya kubagulira umusururu kwa muturanyi wabo, ajyana agacuma. Hanyuma aza gutindayo, asiga Simbikangwa n'abakobwa be baganira.

UWINGABIRE : Mwageze aha lyali se Simbika ?

SIMBIKANGWA : Nahageze kare nuko nko meza kuganira na muzehe .

UWIMANA : Ngo yagiyehe mbese ?

SIMBIKANGWA :Yagiye nko mu nama y'umurenge yabereye ku Gisozi.

UWINGABIRE : Harya nta tabi lihali Uwima ?

UWIMANA : Simbizi , reka nze nge kureba ku meza nahabonye ipaki niba halimo ubusa sinamenya.

UWINGABIRE : Ntawunywa itabi aha kandi tujya kugenda nali narahasize ipaki ligomba kuba lilimo.

UWIMANA : Narebye nabi lirahali koko .

UWINGABIRE : Reba n'ikibiliti maze uzane ,( Bougira he ?)

SIMBIKANGWA : Njye se muzaza kunganiliza lyali ?

UWINGABIRE : None se ko ibiruhuko birangiye, icyumweru gitaha ni akazi.

UWIMANA : Nitubona umwanya tuzaza muli week-end ikulikira itaha.

Muli ako kanya nyina aturuka mu gikali avuye kubagulira umusururu.

Muli ako kanya nyina aturuka mu gikali avuye kubagulira um usururu kwa Rulibikiye . A za yihuta kuko yali yatinzeyo kandi abana be bakaba bali xxxx bafite inzara n'inyota . Hanyuma xx aza abihohoraho muli aya magambo kuko yali yabacyerereje cyane :

ILIBAGIZA : Aho sinabakerereje ?

UWINGABIRE : Wadukerereje nyine , ubona se ko tudashonje ? Abantu kuva mu gitondo kugeza icyi gihe tutararya . Ye, sinzi nuwaduteye mbendegereza .

ILIBAGIZA : Arega singe, nagiye nsangayo xxxx abantu benshi nuko ~~turakomeza~~ turakomeza turarondogora. Basengera amayoga tunywa, nubu xxx nje bagononwa.

XXXXXX

XXXXXXXXXXXNgahoxjyaxkureba XXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXXX

UWINGABIRE : Ngaho jya kureba umuheha mu gatemba , Uwima .

Uwimana .: Ndamenyaxxxxx se ko kandi ngashakirahe ?

ILIBAGIZA : Jya kureba iruhande rw'igitanda, mu ~~gumba~~ *Gumba* turaramo niho maze iminsi nkabona .

SIMBIKANGWA : Mbese ni uku x ibigage by'ino bimera ? *(par logique)*

UWINGABIRE : Ni uku ra kandi bagahenda .

SIMBIKANGWA: Icupa ni angahe mbese ?

UWIMANA : Icupa ni 15 frs .

SIMBIKANGWA: 15 !!! Nyamara xx iwacu ni 5 frs .

UWIMANA : Arega mwaragahambye ?!! Aliko ni mugihe, iwanyu muhinga amasaka cyane ino aha rero ni mu mujyi ntabwo duhinga ni ututungwa gusa n'amafranga Nabo bacuruza bayakura i Kabuga, bakubitiraho rero na xxxx transport baza bakaduhenda cyane.

SIMBIKANGWA : Ye, ndatashye kandi murakoze xxxxdcyane .

UWINGABIRE : Uratashye tutaganiliye ?

SIMBIKANGWA : Arega ndihutira byinshi . Ubu xx ngiye muli komini kuzanayo ibyemezo ku kazi bantumyeyo.

*? Itabi yalinyoye nyuli ?*

Nuko Simbikangwa asezera kuli nyina w'ababakobwa wali mu nzu kuko yavuye kubasengerera akongera akisubilira mu nzu gukomeza akazi ke yakoraga kuva kare.

SIMBIKANGWA : Abo mu nzu murabeho .

ILIBAGIZA : Shenge muragiye Simbika ? Ko mudatinzexxx umeze nkuwaje kurahura!!!

SIMBIKANGWA : xxxx Arega ndihuta muli byinshi .

ILIBAGIZA : Maze unsuhulize Kabwana na Mukasekuru utingo mutahe xxx cyane. Ubambwilire uti nabona akanya azaza ejo mu gitondo kureba uko mumeze . Rero ndanjwa, ubwo ngutumye ku mukecuru atali ku mukobwa aho urabyibuka , ko aliko nabonye abasore bubu babaye

*répétition*

Simbikangwa nabo bakobwa be baraseka

SIMBIKANGWA : Sinakwibagirwa kugutumikira mama .

ILIBAGIZA : Harya ubu ukora kazi ki ?

SIMBIKANGWA : Ubu ndi moniteur agri

ILIBAGIZA : Ngo ubona itera xxxx abili. ?

SIMBIKANGWA: Oya, ndi umwe mubagira inama abaturage z'ukuntu batera kawa kugirango yere neza kandi nyinshi.

ILIBAGIZA ; Ubwo se nawe wize muli inisiverisite yo mo rwanda rw'abazungu hamwe Karangwa wo kwa Petero yiga .

SIMBIKANGWA : Ye, niho nize mama . ? *Il n'y pas de moniteurs agri à l'UNR*

ILIBA

ILIBAGIZA : Ugende amahoro
SIMBIKANGWA : Musigare namwe andi mama .
ILIBAGIZA : Cyo ngaho aba bakobwa ni bakumperekereze .

Mu gikali?

Nuko Ilibagiza arongera asubira mu nzu kuko yali yasohotse aje gusezera kuli Simbika - ngwa. Hanyuma babakobwa baramuherekeza maze baca mu nzira yo mu gikali, bagenda baganira baseka .

SIMBIKANGWA : Ubu rero ikingenza ntabwo nakibabwira ubu.
UWINGABIRE : Kubera se iki ?
SIMBIKANGWA : Muzabona mbandikiye gusa .
UWIMANA : Aliko ubwo ni ukudukorera nabi cyane, kubona uje ukatubwira amagambo igice ni ukuduhemukira.
UWINGABIRE ;: Ngaho nako tuzabona ibaruwa yawe . Ngaho urabeho kandi
SIMBIKANGWA : Murabeho namwe .

Basezeranaho bahana ibiganza nuko bamwe bajya iwabo nundi iwabo

FIN DE LA PREMIERE SCENE ET DE LA DEUXIEME .

Depuis le début jusqu'ici, il y a au moins 4 scènes.

Simbikangwa,, Kavomerwa, Kajisho

Umuhimo wa gatatu

bice bigufi!

Simbikangwa yamaze gutandukana n'ababakobwa arataha ajya iwabo.Agezeyo asanga iwabo ntabaliyo bagiye guhinga aliko inzu ifunguye kuko bali hafi y'urugo. Maze Simbikangwa ajya mu nzu azana intebe alicara yota akazuba yibaza iby'ababakobwa byamusho beye kuko yali yabuze uwo yasaba mo. Kuko muli bose ~~nix~~ ntawe yali azi ingeso, kandi bose yabonaga bafite imico myiza. A liko we yashakaga gusaba Uwingabire kuko aliwe baganya amashuli n'ubwenge. arabyi baza biramushobera agize Imana abona bagenzi be binkora-mutima bamugira inama kuko bo bali bazi babakobwa ingeso. Bagenzi be balinjira baza baseka maze barahoberana. Dore ~~x~~ uko Simbikangwa yibazaga .

SIMBIKANGWA : Mwakabyara mwe se, baliya bakobwa bose ko mbona ali beza, bakaba bafite im ico myiza bose, none nkaba numva maze gukura, ubwanwa bumaze kuba ubwanwa, kandi gutegekwa n'iwacu ndi umugabo bikaba bitemewe na gato nako biteye isoni. Arega no kurara mu mfuruka y'iwacu byandambiye. Aliko niyo ntakura , abandi batunze abagore bandusha iki ? Umva ntibandusha ~~x~~ ubugabo yewe ntibandusha amafranga Njye nabuzwa niki kumuzana. A liko ikiza ni uko najya kureba bagenzi banjye binkora-mutima, nzababaze uwo nazasaba muli baliya bakobwa wenda bo bandusha ku menya ufite imico myiza kuko baturanye

Mu gihe acyibivuga gutyo abona abo bagenzi be baraje baturutse mu cyanzu, baza baseka, barahoberana ~~xx~~.

Kajisho : Muraho neza Simbika ?
SIMBIKANGWA : Ni mukomere Kajisho we .
KAVOMERWA : Muraho cyane Simbika ?
SIMBIKANGWA : Muraho sha Kavomerwa we ?
KAVOMERWA : Kuki wananutse se ?
KAJISHO : Ahali ni uko tutamuheruka
SIMBIKANGWA : Oya, nararwaye cyane, ndetse hafi yo kwitaba uwaturemye.
KAVOMERWA : Ntabwo twabimenye rero. Kuko ~~ixyx~~ iyo tuza kubimenya tuba twaraje kugusura ngirango uzi ko tutakwanga cyane.

KAJISHO : Niko se shahu Simbika nta ka kayoga kamwe ka gisore bakandira ku Gisenyi.

SIMBIKANGWA : Ubu ntabwo ~~xxxkxkk~~ amataliki ni mabi. Ngigaye nihilika ndarwanira inyanya n'inyoni. Uwabaha se agacupa k'umurangi ntabwo mwapfa kum kumiraza?

KAVOMERWA : 9/ Waba udukoreye ahubwo. Cyokora nkakundira ko iyo wagatumye ushabuka ukavugisha ~~x~~ 81, maze umukobwa mwiza, mwiza uyu wa karohabutaka ntumutinye maze bigahwaniramo

Maze Simbikangwa ajya mu nzu azanira bagenzi ~~xbd~~ be ~~akx~~ agacuma kalimo inzoga maze baranywa batangira kuganira ibi bikulikira :

KAJISHO : Hali ibindi rero shahu numvishe Simbika, ejo bundi mu ~~xihxx~~ mu gihe cya saa 4 n'igice, nahuye na muzehe, yafashe kucyo kunywa arambwira ngo wagiye kurambagiza muli babakobwa bo kwa ~~P~~ Mpfuyuruhe . Njye rero nkagirango arabivugishwa nagasa yali yasomye . None reo nibyo twali tuje kukubaza neza.

SIMBIKANGWA : Ahubwo ngize Imana ndababonye , nali nabuze uwo nagisha inama.

KAVOMERWA : ? la querelle des 2 Cyose shahu, uliya mukobwa windaya wibera muli za bar, abasore bakala ~~x~~ baramumaze ~~1~~ mpa numve, uramuzana ngo azakumalire iki ?

KAJISHO : Burya ubona ali mwiza ? Niba ubona ali mwiza uzamusange muli Rubavu Bar,. Burya se ko atazi no koza isahane, no gusasa ginzi niba abizi.

KAVOMERWA : Ni uko nyine yize akaba afite akazi, maze ibyo yagakoze bikazajya bikorwa n'umuboyi.

KAJISHO : Aliko cyangwa se shahu , kujya kurongora umukobwa wize , ukurusha ubwenge, akaba ali nindaya, ubwo nta soni bigutera.

KAVOMERWA : Ahubwo niwe wakurongora aliwe aho kumurongora wowe. Burya ni uko utabizi, murumuna we niwe witonda, afite umutima mwiza.

KAJISHO : Inama rero ya kigabo twakugira ni uko wareba ukuntu wakwandikira murumuna we Uwimana .

KAVOMERWA : Ye, ngaho turagiye kandi Simbika, twakererewe tugomba kugera ku kibuga cy'indege i Kanombe saa 9 kugirango dufate indege.

SIMBIKANGWA : Kagire inkuru mugiyehe se kandi ?

KAJISHO : Tugiye mu nama ibera i Chicago muli Leta zunze ubumwe z'abanyamelika.

SIMBIKANGWA : NGAho murabeho kandi , mugire urugendo ruhire

Simbikangwa arabaherekeza maze bagenda baganira muli aya magambo :

KAVOMERWA : Ngaho, naho ubundi inama ni iyo Simbikangwa we .

A rega shenge natwe mujye mutugeragereza ?

KAJISHO : Ubwobwo nibyo, aliko kurongora kw'iki gihe ni kimwe no kwinjira mwitanura ryaka umuliro .

SIMBIKANGWA : Uryinjiramo gute ?

KAJISHO : Sha , umara kureba umukobwa ali mwiza, akuganiliza neza, wajya iwabo akakwakira neza, watangira kumutongoza ati ibyo simbigenderamo uzitonde ubaze. Mbese akaguhisha ingeso ze zose. Maze sha wamara ku muzana ingeso ze zose yaguhishe akazikorakoranya ukabona azituye aho.

KAVOMERWA : Reka rero iyo uzanye bene uwo wize ho amashuli yuzuye agatebo ashaka kugutegeka, akageza naho akugenzura ku mushahara ukorera Naho ubundi shahu kurongora muli iki gihe ni ukwinjira mu itanura lyaka umuliro.

KAJISHO : Mbese tutaralinda kwinjira muli iryo tanura, twazizilitse tukemera tukipfira gipadiri, maze wakumva umerewe nabi ukabasanga muli Bar. Ko abakobwa muli iki gihe ali akangali se.

KAVOMERWA : Ye, nge nzarongora ali uko umukobwa aje kunsaba iwacu aho kujya kumusaba ali njyewe. Ye , Simbika ngaho kandi urabeho, kuvuga menshi siko kuyamara. Naho ubundi uzasabe murumuna we uwimana niwe mwazashobokana.

SIMBIKANGWA : Ngaho kandi mugire urugendo ruhire.

Nuko asezera kuli bagenzi be kuko bali bagiye mu mahanga, bali bambaye ama kostime. Bamaze kugenda Simbikangwa ahagarara iwabo mu rugo afata umugambi wo kwandikira Uwimana nkuko nkuko bagenzi be binkora-mutima bali bamaze kubimubwira. Simbikangwa aravuga ati :

SIMBIKANGWA : Ye, ngiye gupfa kwandikira uliya mukobwa Uwimana, naho koko Uwingabire numureba mu nzira ni indaya ya kabutwi. Baliya bambwiye ibye, buliya baramusogongeye koko. Reka nze mwandikire.

Nuko Simbikangwa ajya mu nzu azana ikaramu n'urupapuro yandikira wa mukobwa. Amwandikira agira ati :

Ku wantwaye umutima nkaba nsigaye ndara murota buli joro Uwimana . Uraho neza ni amahoro ? Ngaho nanjye ndaho. Ikinteye ku kwandikira, ngirango uziko twabanye kuva kera tukili batoya nta ngeso mbi nkuziho , nanjye nuko. None rero nkaba ngirango twibanire. Umpere kandi uwo urukuzaniye igisubizo

Scène 4. Simbikangwa, Uwimana, Mpfuyuruhe , Ilibagiza

Nuko Simbikangwa amaze kwandika rwa rupapuro aruha urumushyilira Uwimana. Uwo warushyiliye Uwimana ni Mabunga yahinganaga n'iwabo wa Simbikangwa mu nsi y'urugo. Aje kureba abantu yumva ga bavugira mu rugo kuko bajya guhinga nta muntu bali bahasize hanyuma nibwo Simbika -ngwa amuhaye iyo baruwa ngo ayimushyilire Uwimana. Ageze iwabo wa Uwimana, asanga se na nyina bali mu nzu, Uwimana alimo gukubura mu rugo. Nuko bararamukanya, Uwimana amubaza , amakuru y'iwabo, amuha icyo yicaraho. Mabunga amaze kwicara aha Uwimana ibaruwa Simbikangwa yaramwohererreje. Nuko uwimana ayisoma bucece. Hanyuma Uwimana amaze kuyisoma abwira Mabunga ngo aze kuza gushyikira igisubizo saa 8. Nibwo Mabunga asezeye, ahereza ukuboko Uwimana nawe amuhereza ukundi. A maze kugendaxx iwabo ba-mubaza uwo wasezeraga kuko aza ntabwo bali bamwumvishe kukoxx bali mu nzu . Bamubazaxx icyamugenza ga, hanyuma Uwimana , abonye iwab iwabo basohotse ababwira ko icyagenza ga Mabunga ko ali ibaruwa Simbikangwa yali amuhaye ngo amuzanire. Iwabo bamubaza icyo iyo baruwa ishaka kuvuga. Uwimana arayibaso-mera. Birabatangaza cyane, bavuga ayo magambo

MPFUYURUHE : Aha!! Mwakabyara mwe se muzashobokana .
ILIBAGIZA : Ye, nanjye simbyemeza.
UWIMANA : Tuzabuzwa se niki ?
MPFUYURUHE : Ubundi bwo Simbikangwa ni umwana mwiza aliko afite nyina w'umusinzikazi, inzoga zamugize colonique . Ntanywa nyinshi kandi apfa kurenga aho banyaye, m maze agakora ibidakorwa. Amaso ye asigaye aza nayinshira ikutse mu kinamba isaa sita.

xxxxxxxxxx : Cyokora mwemerere wenda xxx muzashobokana. Maze nyina uwo nguwo ukamwilinda, uboshye aliwe uzaba akurongoye. Wabona yasinze ukamuhunga ukareba iyo wigira maze xxxx ukaza kugaruka za mushize-mo .

UWIMANA : Reka nze mwandikire.

Icyo gihe xx Uwimana yavuganaga na se, nyin yali agiye mu nzu kuzanira umugabo we inkond y'itabi yali yahasize, kuko yashakaga kunywa itabi. Maze asohoka mu nzu atazi ibyo bavuga ga. Aza n'umujinya mxxxxx mwinshi kuko yali amaze gusitira mu mulyango amaze aravuga ati

ILIBAGIZA : Ubundi se ngo arashaka kumwandira ? Haa !!! Wa mukobwa we aho ntiwasaze cyangwa se ntibakuzinze nkuko xxx bazinze mukuru wawe uliya, ugiye kugwa ku ziko, kandi ureba akurusha kumenywa, akurush n'amashuli. Ubuziko umugabo wubu asigaye ahenda. Ubu uziko abakobwa muli iki gihe mwabaye benshi , mwataye agaciro. A hubwo aho kujya kumusaba ali wowe ugize Imana uramubonye none urashaka kwipfusha uburyo. Ubu abakobwa basigaye balifashe xx impungenge. Nawe urashaka kwibaza umugisha Imana yalix iguhaye.

MPFUYURUHE : Mbese burya akora kazi ki ?
UWIMANA : Ni moniteri xxxx agri.
MPFURUHE : xxxx Mbona itera abili ni iki ? Nta soni yo gutuka umuntu w'umugabo ? A tera abili ni xxxx inkoko se ? Mbese ngaho niba utangiye kumusebya mwihorere. Ko umara kumwanga se , kandi ureba ukuntu akize, akaba afite amamodoka, amerewe neza. None wamara x kumwanga x ejo ukazabura nxxxxxxxx n'umucyene utagira inzara zo kwishima .

UWIMANA : Aliko ubundi njye namwangiye ra . Navuze ko akazi akora ali moniteri agri, navuze ko ali mbona itera abili .

MPFUYRUHE : Ubwo se xx ako kazix akora ni kazi ki ?

UWIMANA : Niwe ugira inama abaturage xkxkxkxz z'ukuntu batera ikawa kugirango zishobore kwera neza kandi nyinshi .

MPFUYURUHE : Ntabwo wumva ako kazi akora !!! Mwemerere. Maze umuhe igihe azazanira n'iwabo maze tuzabonane. Umubwire bazaze ku wagatandatu

H UWIMANA : Reka nze mwandikire .

Uwimana ajya mu nzu azana ikaramu n'urupapuro maze ahagarara mu rugo arandika agira ati : ?

Ku nshuti yanjye y'amagara S imbikangwa . Ibyo wanyandikiye umbaza narabyemeye kuko mbona ufite ingeso nziza n'imico myiza ntabwo rero nakwangira. None rero nabibajije n'iwacu nabo barabyemera. None rero uzaze uzibonanire n'iwacu kuwa gatandatu.

Ninjye nshuti yawe y'amagara Uwimana ikwandikiye .

Amaze kurwandika ako kanya Mabunga umwe Simbikangwa yahaga amabaruwa ngo ayamushyilire Uwimana aba arahageze aje kujyana igisubizo kuko Uwimana yali yamubwiye ngo aze kujyana igisubizo isaa 8. Asanga aliho akimara ku rwandika. Uwimana aramusuhuza amubaza amakuru ye. Maze Mabunga aramubwira ati :

MABUNGA : Ntalicara kandi Simbikangwa yarantumye xx igisubizo.

UWIMANA : Usanze aliho nkimara kurwandika .

Uwimana ararumuhereza mu ntoki ze (aruha Mabunga. Amaze kurumuha x Mabunga amusezeraho. Mabunga ageze mu rugo asanga Simbikangwa yicaye ku meza asoma ikinyamateka yumva na radio. Asanga iwabo wa Simbikangwa bagihinga mu rugo hali Simbikangwa wenyine. Amaze ku muha urwo rwandiko Mabunga yagiye guhinga hamwe na babyeyi be. Ababyeyi be bahinguye baje basanga Simbikangwa amaze gxx gusoma ibaruwa . Hanyuma se abyumva amahushuka , amusaba kuyimusubiliramo kugirango ashobore kumva icyo iyo baruwa ishaka kuvuga mu buryo xx burambuye. Nuko Simbikangwa ayimusubiliramo, nibwo xxxxxxxx SImbikangwa yunzemo ati :

SIMBIKANGWA : None rero twaliyumvikaniye, ndetse ngo n'iwabo barabyemeye maze rero igisigaye ni mwebwe ntegereje ngo mugire mubingiremo.

KABWANA : Ndamenya ngenza nte rwose ?Ye, reka nze ngire nshakashake aho twabona inzoga . Xxxxxxxxxxxx

Ise yumvishe ibyo umuhungu we amubwiye biramutangaza cyane , biramushimisha rwose kubera ko uwo muhungu we yaramubwiye ayo magambo kuko yali amaze imyaka n'imyaka amubwira ngo xxxxxxx amusabire undi akabyanga Aliko se biramushobera rwose abura aho yakura inzoga . A hamagara Kajwiga aramubwi ati :

KWABWANA : Nyaruka ugere kwa Rubanda maze umubaze niba yaba barakanze bya bitoki xxx naherutse atara. Nusanga kandi hali akajyamo umubaze icyo yaba agulisha ikarabiya maze unyaruke uze umbwire .

6ème Scène Kabwana , Mukasekuru, Simbikangwa

Muli ako kanya Kajwigaxx aranyaruka ajya kwa Rubanda . Mpfuyuruhe asigara aganira n'umugore we xxxxx. Balixxxxdhanze, niho bali bahagaze. Dore ibyo baganiraga :

Kabwana : None se ubu yayibura twagira gute ? Urwo rubwa twarukwizahe ? Ngo Sxx Simbikangwa yashatse gusaba hanyuma azira ababyeyi batamwitayeh

XXXXXXXXXXXX:X

Mukasekuru : Baba babeshya se kubona abandi basabira abana babo bagacyuza ubukwe kandi xxx batatarusha ibintu.

KABWANA : Nguwo araje reka twumve icyo atubwira .

Kajwiga aza yihuta cyane , aturuka mu cyanzu aje arababwira ati :

KAJWIGA :Urwagwa ruliyo, aliko rurahenda, ikarabiya ni 300 frs . Rwanahenda aliko rurasomeka. burya akeza xx kaligura.

X KABWANA: Akira amafranga 600 frs maze ugende aguhe amakarabiya 2 . Umbwilire Rubanda kandi ayinzanire, uti arakwinginze rwose ngo afite aho abatuma wowe na Ruzigaminturo .

Kajwiga aliruka ashyira Rubanda amafr. 600 maze Rubanda aza yikoreye inzoga nkuko bali babimusabye .

KABWANA : Mukaseku, nawe akira amafranga 400 frs maze ujye kwa Ruzigaminturo umumbwilire aguhe amakarabiya 2 y'amarwa. Uti kandi mwana xx wanjye rwose utingo umubabalire hali aho uyamujyanira ayo marwa utingo azaguhemba.

MUKASEKURU : Aliko wowe kugura n'abantu inzoga maze ukababwira ngo bagerekeho no kuzikwikorerra ibyo si agasuzuguro ?

Umugore we amaze kumubwira ayo magambo, ararakara cyane maze baratongana :

X KABWANA : Wa kagore we gasigaye karanyifatiye, kubona nkabwira ni gashake kunyumva.

Simbikangwa, aliwe muhungu wabo, x icyo gihe batongana ga ntawuhali. Yali yagiye gutira ipasi kwa baturanyi babo. Maze ageze mu rugo asanga iwabo batonganye bali hafi yo kurwana bxxxxxxxx barakaranyije mbese ku buryo butavugwa . Hanyuma ababaza icyo bapfa

SIMBIKANGWA : Aliko mupfuye iki ra, muli aka kanya mvuye hano ?

Mukasekuru abwira umuhungu we icyo bapfuye hanyuma Simbikangwa abwira se amwumvisha ko ali mu makosa. Hanyuma se yiregura ku ku muhungu we ati :

KABWANA : Ubwo se abwirwe niki ko mba ntabinginze mbere ?
Mukasekuru : Mwakabyara mwe reka ngende hato ntalinde nkubitirwa ubusa ra
KABWANA : Ngaho gira vuba nanjye ngiye kureba abazaduherekeza, ubona se ko twazijyana wowe.

Muli ako kanya umugore we atirimutse aho agiye gushaka amarwa kwa Rubanda no kumubwira ngo azaze abaherekeze, Kajwiga bali batumye kwa Ruzigaminturo aba araje ali kumwe na Ruzigaminturo, baturuka mu cyanzu bakubise Kabwana amaso nuko baramwenyura . XXXX Ubwo kandi Ruzigaminturo yarazanye ya nzoga aje no kuyimuturira nkuko Kabwana yali yabimusabye .Bamaze kugera mu rugo Kabwana arongera atuma Kajwiga kwa Mpfuyuruhe ngo

Scène 7 Kabwana , Mpfuyuruhe, Ilibagiza , Sekidende + KAJWIGA

Muli ako kanya bakigera mu rugo Kabwana aherako atuma Kajwiga kwa Pfuyuruhe ngo ajye kubateguza, ababwira ko bazabagenderera kuwa gatandatu mu gihe ~~xkx~~ cya saa 2. Kajwiga amaze kugenda , Kabwana aha Ruzigaminturo intebe alicara .~~xxxx~~ Akimara kuyimuha abona Rubanda aje yikoreye y'amarwa , aza ashoreranye n'umugore wa Kabwana nkuko Kabwana yaramaze ku mumutumaho. Ahageze bamutura cya kibindi cya marwa, nawe bamuha intebe araruhuka, bamutekerera agatabi .

Muli icyo gihe Kajwiga aba ageze kwa Mpfuyuruhe agiye kubateguza nkuko Kabwana yali yabamutumyeho . Agezeyo asanga Mpfuyuruhe yicaye imbere y'umulyango alimo kwisokoza, naho Uwimana alimo gufuma ataka icyo gihe Ilibagiza we yali ,mu nzu. Kajwiga nguwo ageze mu marembo arasuhuza :

KAJWIGA : Mwiliwe yemwe ?
MPFUYURUHE : Uraho shahu Kajwiga we .
UWIMANA : Uraho Kajwiga we .

Bamaze ku musuhuza Uwimana amuha icyo yicaraho, nuko barakomeza baraganira bamubaza amakuru ye , nuko iwabo bameze.Hanyuma Kajwiga ababwira uko iwabo bamutumye :

KAJWIGA : Ntararondogora kandi ngo nze kumera nka wawundi wagiye gutira impfizi yagerayo agasanga barabaga maze akarangamira inyama !!! Kwa Kabwana bali bantumye ngo ejo igihe cya saa 3 muzabitegure ngo bazaza mubonane .

MPFUYURUHE : Niko Ilibagiza we aliko wasohotse ukaramutsa undi ukumva nuko kwa Kabwana ~~kxxx~~ bamutumye ?

Nuko Ilibagiza arasohoka araza aramutsa Kajwiga, amubaza na makuru yo kwa Kabwana. Mbese nkuko natwe tubigira iwacu mu gituraga iyo tubonye umushyitsi dusanzwe tuzi, tukamenyana n'iwabo. Nuko Kajwiga yongera ~~kxx~~ kumusubiliramo bundi bushya uko bali bamutumye .

ILIBAGIZA : Ugende ubabwire utingo bazabitegura kuva ~~xx~~mugitondo kugeza nimugoroba, uti aliko nabageza saa sita batarabona utingo muzirorere ntimuzilirwe muza kuko tuzaba dufite izindi programu.

Kubera ko umugore wa Mpfuyuruhe yali igishegabo niwe washubije mu mwanya w'umugabo we . Nuko ~~k~~Kajwiga amaze gusohoza ubutumwa niko ahereyeko arasezera arataho . Amaze gusezera Mpfuyuruhe abwira Uwimana ngo aherekeze Kajwiga maze ajye i Nyarutarama amutilire yo intebe . Amutuma no kuli Sekidende ngo aze hali icyo amubwira .Bamaze kurenga irembo nuko Ilibagiza abaza umugabo we icyo ashaka Sekidende nuko baratangira baratongana

Batongana muli aya magambo :

MPFUYURUHE : Aliko wa kagore we gasigaye karanyifatiye, haryarwose ubona undusha imbaraga ukagirango undusha gutekereza ? Uzindusha aliko

FNXNN

MPFUYURUHE :Uzindusha aliko uli umugo re, uli ikinyaliranyuma . Inzoga kanyweye MXX ubwo kazi ko nazikarutsa ? Ugiye kungira Rwahonnyo mu rugo rwanjye pe !! Ubu kazi ko narugaturumburamo maze ka kajya kwangara.

ILIBAGIZA : Ngaho nikabigire se, ngaya imbwa itabigize .

PFUYRUHE : Ngo xx ndi imbwa mu rugo rwanjye .

Mu gihe Pfuyuruhe agiye ku mukubita urushyi Sekidende bali batumyeho aba arahageze nuko ahita abajya hagati arabakiza. Ababaza icyo bapfuye nuko umugore we abimubwira uko byagenze. Hanyuma Mpfuyuruhe asubiza Sekidende n'umujinya mwinshi .:

MPFUYUR HE : Ngo dupfuye ubusa Sekidende we ? Wowe umugore wawe yakwita imbwa mu rugo rwawe maze mugakiranuka ? Ko azi ko ndi imbwa yemerere ik ko mutunga . Kandi wa mugore we uwm urwo rulimi rwawe ruzagukora-ho . Mu kinyarwanda baca umugani ngo : "utazi xxk ikimuhatse, areba imboro yase igitsure . Ibyo reka tubireke . Icyo ngushakira rero Sekidende kwa Kabwana bamaze gutuma ngo ejo igihe cyax saa 2 ngo tuzabitegure , bazatugenderera. Ndakeka rero ko ikizaba xkà kibagenza ali uko bazaba baje gusaba Uwimana . None rero ntawundi mfite niyàmbaza nkaba ngirango umfashe kubitegura , maze untilire intebe. Akxxx A bo utira intebe kandi ubabwire ejo nabo isaa 2 bazabe bageze aha ?

Nuko Sekidende atangira gutira intebe no gutumira kugeza igihe aboneye intebe zihagije . Uwimana nawe azana intebe bali bamutumye i Nyarutarama igihe yaraherekeje Kajwiga .

Fin 1er Acte

 II`eme ACTE: Kabwana, Mpfuyuruhe, Sekidenda

Umukino wa I

Buracyeye biba ye kuwa gatandatu saa 2. Muli cya gihe kwa Pfuyuruhe batongana ga Ubwo Kajwiga yali yageze kwa Kabwana kare agiye kubwira Kabwana ko kwa Pfuyuruhe bemeye isaha n'umunsi Kabwana yali yabaha ababwira ko azajya kubonana nabo. Igihe rero -ge, kigeze Kabwana nabikorezi be baragenda hamwe n'abandi yali yatoye bajya ga kuvuga imisango y'ubukwe. Bageze kwa Mpfuyuruhe basanga nawe yatoye abandi bantu baza kubakiza habaye impaka. Nuko bageze mu rugo batura abikorezi , babaha icyo bicaraho babatekerera agatabi nuko barakomeza bararondo gora hanyuma Kabwana aza kuvuga ati :

KABWANA : Bantu duteraniye aha , tutiliwe tuyaga imiruho yacu ngo tuze kumera nka ya hene n'imbwa byaganiraga iby'ubworo , ibyo ni mureke tubireke maze tugere kucyatuzanye.
Umva rero Mpfuyuruhe umusore wanjye yiyumvikaniye n'umukobwa wawe ngo barandikirana , ndetse baza no kubimenyesha ababyeyi babo alibo batwebwe . None rero barashimanye rwose igisigaye ni icyacu twebwe babyeyi babo . None rero icyali kinzanye nkaba nalinje kurebera hamwe nawe ukuntu twabigenza kugirango twuzuze uwo mubano w'abana bacu, mu magambo make mbese nkaba nalinje kugusaba uwo mukobwa wawe.

MPFUYURUHE : Cyokora rero mubyo umaze kuvuga , umukobwa wanjye yiyumvikaniye n'umuhungu wanyu koko. None rero nkuko yamwishimiye ntabwo namumubuza ngo nge kumuhatira undi umutima we udashaka , hanyuma ukazasanga babana nabi mu rugo rwabo bitewe nuko bashakanye umwe ali ukumuhambira kuwundi. None rero ndabyishimiye ko abana bacu babana ndetse bakunguka tukabona abuzukuru n'abuzukuruza n'ubuvivi mbese tugashinga umulyango utazashira rwose .

Amaze kuvuga ayo magambo abaraho bahise bakoma amashyi y'urufaya , birabashisha cyane . Muli icyo gihe kandi baranywa ga . Bose bali bicaye ku ntebe abandi ku misambi maze uwajyaga gufata ijambo agahaguruka .

MPFUYURUHE : Mwakoma mu mashyi , mwagira gute , icyambere cyangombwa nuko wa nkwera . Kuko muramutse mutankwereye ntabwo namubaha .
KABWANA : Murashaka iki se rwose ? Umva muli iki gihe hatsye inkwano nyinshi. Hali amafranga , hali inka ulifuza iki muli byose ?
MPFUYURUHE : Ntakuruhije rero kugirango mubahe mugomba kumpa 15 000 frs.

Biramutangaza cyane maze abaraho batangira gusahinda bashakira hamwe igisubizo cy'iyo nkwano Mpfuyuruhe yali yatse .

KABWANA : Ubwo se uwo mukobwa wawe ucira ayo mafranga yose afite iki arusha abandi.

MPFUYURUHE : None se niba ntacyo afite arusha abandi , ubwo uwo musore wawe wamupfiliye , ntacyo amuca areba asumbije abandi .

Umwe mubalibazanye na Kabwana aza kuvuga ati: Reka tubakize tuli abagabo. Mutalinze gutongana cyangwa ngo mucyocyorane maze muze kulinda kujugunya amakofe ibyiza nuko twabakiza . u Umwa rero Kabwana , ugende xx ubitekerereze umuhungu wawe maze niyemera gutanga ayo mafranga angara gutyo kuli uwo mukobwa , ibyo nibyexxx ubwo azaba amukenseye koko.

KABWANA : Ubundi bwd nibyo. Maze niyemera gutanga amafranga 15 000 kumukobwa kandi barabaye isesemi ni akazi ke . Muduhe kandi ibibindi turagiye ndeba imvura isa nigiye kugwa, maze tugire tugende tuve mu nzira .

Nuko ibibindi barabibaha . Kimwe cyali mu nz nzu ikindi bakinyweragamo, cyali kibateretse hagati . Bamaze kubaha ibibindi byabo maze barabaherekeza . Bamaze kubaherekeza Sekidende asigara kwa Mpfuyuruhe barebera hamwe ibyabo bashyitse bali bamaze kubona

SEKIDENDE : Cyokora Mpfuyuruhe aha turahakosheje . Ubu abakobwa bxx babaye ni akangali wa mugani wabo. None rero ubatse ibyo fxxx bifranga (benshi) byose kandi ntibazabitanga maze usange umukobwa wawe arahera ku ziko cyangwa araba indaya cyangwa se abandi baramujyanira ubusa.

MPFUYURUHE : Maze baramutse batankwereye ayo mafranga nabatse, bazamureke maze azahere ku ziko .

Muli icyo gihe kwa Mpfuyuruhe baganiraga na Sekidende ubwo Kabwana hamwe nabo bali bazindukanye ngaho nibwo bakigera mu rugo txxx twumve ibyabo nabo :

KABWANA : Mwiliwe yemwe ?

Nuko umugore we aramwililiza, basanze alix mu nzu arasohoka arabikiliza . Naho Simbikangwa yasomaga ikinyamateka ali mu rugo . Bamaze ku hagera abo balibajyanye nuko babaha icyo bicaraho, bazana ibiryo bararya balira ku ntara ishashehoxx urukoma bose bararya uretse Simbikangwa . Hanyuma Kabwana aravuga ati :

KABWANA : Nukaseku, tabara rwose urebe agatama kaba kasigaye mu gacuma , ntabwo xxxjyxx twarya txx tutanywa. Ubuziko twahahangayikiye . Twagize urugendo , tugira inyota , tugira ix imanga nkimwe yishe Yezu none twapfuye urwagashinyaguro .

SIMBIKANGWA : Urugendo mwagenze se bite ?
KABWANA : Sha , njye ntacyo nakubwira ,wabwirwa nabo twajyanye .

Umwe mubo bajyanye ati:

Aliko sha dore aho duteraniyeaha , uliya mukobwa umukulikiyeho iki ? Afite iki arusha abandi ? Umukobwa bacira amafrangaxnkx nk'inka bajyanye mu giterane .

SIMBIKANGWA : Babatse angahe mbese ?
Bakaga 15 000 frs ?
Nabicuruje ra !!!

KX

KABWANA : Reka ni mu mwihorere siwe mukobwa wenyine. Uziyumwikanire nuwo mukobwa ntabwo asakwanga . Azakwanga se avuga ngwiki ? Azavuga se ngo ni mubi kandi nta mboro iba mbi yambaye ifranga . Yanakwanga xx ugasaba ahandi ubu abakobwa ntibeze ?

Bamaze kuganira n'ababikorezi bali bajyanye abo bikorezi bashaka gutaha. Hanyuma basaba kwa Kabwana gukomeza ibibindi byabo kuko bali bananiwe, batashoboraga kugezayo ibyo bibindi . Nuko kwa Kabwana ibibindi hax baherako barabibika, babishyira mu nzu. Ba bikorezi babwira kwa Kabwana ngo baze ba baherekeze maze bajye no kubashakira amaganura kwa Rulibikiye . Nuko barabaherekeza Simbikangwa yemera kubasigalira ku rugo . Nuko Simbikangwa asigara mu rugo , ahagarara mu rugo yibaza iby'urukundo rwe nuwo mukobwa rwali rugiye gupfa ubusa kuko yali yaramwikundiye hanyuma iwabo bagashaka kumunaniza ngo atamurongora dore uko yavuga ga :

SIMBIKANGWA :XX Ubuse uliya mukobwa ko numva mwikundiye cyane none ukaba wumva ukuntu babananije babaka amafranga aguze imodoka, kandi ntamurongoye ntawundi narongora !!! Umutima wanjye niwe ushaka wenyine . Ngiye gukora uko nshoboye kose mpaka murongoye .

Mugihe Simbikangwa akivugisha, abona bagenzi be bamwe bamugiliye inama yo kurongora uwima na abona baraje , bavuye i Chicago muli Leta zunze ubumwe z'amerika aho bali baragiye gusuzumira hamwe n'abandi basilibateri bose bo kwisi ikibazo cyerekeye inkwano muli iki gihe . Ngabo bageze mu marembo y'iwabo wa Simbikangwa , bafite n'amashikoshi yabo maze Barasuhuza :

KAJISHO : Muraho neza sha Simbikangwa we ? (Simbikangwa aramwikiliza )

KAX

KAVOMERWA : Ni mukomere Simbikangwa we ? (Simbikangwa aramwikiliza nawe )

SIMBIKANGWA : Amakuru yanyu se ko ntabaherutse, ubu musigaye muba hehe ?

KAJISHO : Ni meza .

SIMBIKANGWA : Makurya y'amazi magali se bite?

KAVOMERWA : Ibyaho ni amabanga .

SIMBIKANGWA;: Nimwakire se agatabi .

JA

KAJISHO : Shahu se Simbikangwa ntukigira kuli ka kayoga ka gisore bakandira ku Gisenyi.

SIMBIKANGWA : Ahaa !!! Ngakurehe se ? urareba najye ndihondaumulizo.Cyokora reka nze mbarebere ko nababonera agacupa k'umurangi .

Nuko Simbikangwa ajya mu nzu azanira bagenzi be agacupa kakil kalimo inzoga nuko arabaha maze bakomeza kuganira :

SIMBIKANGWA ;: Iyo nama se mwali mwaragiyemo yali igamije iki ?

KAVOMERWA : Twali twaragiye gusuzumira hamwe ikibazo cy'inwano kibangamiye ~~abaitwa~~

KAVOMERWA : Twali twaragiye gusuzumira hamwe nabandi basilibateri bo kw'isi ikibazo kerekeye inkwano, icyo kibazo rero ntaho kitabangamiye abitwa abasore bose bo kw'isi .

SIMBIKANGWA : Mwashoboye se kugera kuki rwose ,?

KAJISHO : Icyo twashoboye kugeraho muli iyox nama twese hamwe ni uko inkwano zidashobora kubuza umubano muli iki gihe . Kuko abakobwa ubu ni benshi, barangana n'abahungu inshuro 3 uzikubye mbese, ubu babuze iyo bajya xxmx.
Kugirango rero ababyeyi b'umukobwa bake ~~inwano~~ inkwano baba bicira umwana wabo cyane . Kuko bamubuza abamusaba ugasanga arahera ku ziko cyangwa arabaj indaya. Icyo rero twemeje nuko aho kwaka xxxx inkwano, ahubwo ababyeyi b'umukobwa na b'umuhungu bajya bateranya amafranga bakayaha abana babo kugirango bashobore kubaka urugo. Naho ubundi kwaka inkwano ni ukunyunyuza uwo muhungu ibyo akoye byali kubafasha bakubaka urugo rugakomera mbese bakamererwa neza

KAVOMERWA : Niko se shahu Simik Simbikangwa, ko tujyakugenda twasize ushaka gusaba wa mukobwa wo kwa Mpfuyuruhe bigezehe ?

SIMBIKANGWA : Ahubwo ngize Imana ndababonye!! Nimungire inama .

KAJISHO : Bite se kandi ?

SIMBIKANGWA : Umva uliya mukobwa wo kwa Pfuyuruhe turumvikana cyane mbese birenze urugero, umutima wanjye ntawundi ugwaho atali we buli gihe . Ndara murota, aho ngiyehose niwe ntekereza, none rero nta ntamurongoye ntawundi narongora . nakwemera nkayizilika nkipfira ngipadiri.

KAVOMERWA : Bite se ko twumva bisa naho byaguteye urorondogoro ?

SIMBIKANGWA : Ngirango mwasize nenda kujya gusaba uwimana .

KAJISHO :Kagire inkuru biduhexxx neza !!!

SIMBIKANGWA : Nabwiye iwacu ngo bajye kumusabira, mbese ntibatinda babyumva vuba. Maze barakugendera, bagezeyo ngo barababwira ngo nibadakwa 15 000 frs ngo ntibazamukura mu rugo .

KAVOMERWA :Ibihumbi 15 000 frs!!! Ahaa!!! nabicuruje ra ? Maze ndiwowe nacuruza 10 000 frs maze 5 000 frs nkabihonga indaya 50 kandi zihagaraliye bwuma .

KAJISHO : Ubwo se wemeyekubitanga koko ?

SIMBIKANGWA : Uliya mukobwa yarampogoje nzemera nyatange ntakundi nabigira .

KAWOMERWA : Reka tukugire inama, aho gutanga ibyo bifranga bingana gutyo maze ugasanga murananiranwa kandi ayo mafranga watanze akaba apfuye ubusa, utagishoboye kuyakulikirana . Uwakwigisha amayeli se y'ukuntu wamubonera ubusa kandi yaza mukabana neza ntihagire ikintu nakimwe gishobora kubatandukanya yaba atakugiliye neza?

SIMBIKANGWA : Yaba ankoreye rwose , ahubwo nazamugororera .

KAVOMERWA : Umva rero shahu, hakurya haliya i Gaculiro, hali umugabo w'umupfumu witwa Senguge, akamenya imibereho y'abantu, nuko bizakugendekera mu buzima bwawe bwose . Aliko kugirango abigutunganyilize nuko ugomba kugira icyo umuha ya kwicisha umwaku.

SIMBIKANGWA : Shyuu!!! Icyo ashaka cyose nakimuha, aliko nkabona uliya mukobw kuko ntamurongoye , mpfuye ntacyo nabwira Imana . Harya ngo xmkmyxk atuye i Gaculiro ?

KAJISHO : Yezu ati wabimenye .

page 19. Simbikangwa , Senguge, Kavomerwa, Kajisho (8ème scène )

SIMBIKANGWA : Ubwo rero namwe mujya kujya hakurya y'amazi magali mwabanje guca kuli uwo mugabo ?

KAWOMERWA : Twabanje kumunyuraho nyine. Ushatse rero kubyirengagiza, ngirango uzi gihe twaboneye bourse yo kujya muli iyi nama. Maze twajya kugenda kuli gihe tugasanga indege yuzuye, ubundi tugasanga yagiye ubundi bagatinda kuduha passeport .

SIMBIKANGWA : Ngiye kunyarukirayo maze numve icyo ambwira .

KAJISHO : Natwe turagiye Simbikangwa we , unyarukireyo mubonane twizeye kandi ko bigomba gutungana rwose keretse niba ali rwangendanyi wifitiye .

SIMBIKANGWA : Ye, ngaho murabeho. Nibirya kandi nzajya kubaha ilikonje muli rwa runywero rw'imisozi igihumbi .

KAVOMERWA : Ye, tuzaba tukubona .

Nuko bagenzi ba Simbikangwa bali baje iwabo baragenda, hanyuma Simbikangwa asigara ahagaze mu rugo yivugisha ati :

SIMBIKANGWA : Aho hantu ngiyeyo koko , nibirya kandi baliya basore ngomba kuzabakemba birenze urugero kubera iyi nama bangiliye . Ndajyayo iwacu batabizi maze bazabone nzanye uwo mukobwa batazi uko byagenze ye, namafranga banyaka ndemera nyabihere ku giti cyanjye . Nako reka nekubivuga ku rulimi gusa , reka ngeyo twibonanire . Aliko iwacu nibabimenya bazanca, dore ko ubukiristu bwabo nabo buzabakoza hasi .

Nuko Simbikangwa ayabangiye ingata agiye kubonana na wa mupfumu bamubwiye . Aragenda agezeyo asanga uwo mupfumu alimo guhekenya umwumbati , yicaye iruhande rw'umulyango avuye gushinga isuka imuli iruhande afite ubulimiro, umwana we ali mu nzu .
Nuko Simbikangwa ageze mu rugo arasuhuza baramwikiliza, bararamukanya , uwo mupfumu abwira umwana we wali mu nzu ngo azane inteb maze ahe undi yicara ,.
Nuko bakomeza kuganira muli aya magambo :

SENGUGE : Ubu se mutuganiliye muturutse he ?

SIMBIKANGWA : Iwacu ni haliya i Gahondo .

SENGUGE : I Gahondo ?? Umugabo utuyeyo witwa Nkundakubeshya na Mayeli urabazi ?

SIMBIKANGWA : Ntabo nzi bahatuye bitwa gutyo rwose .

SENGUGE : Ubundi se niki kikugenza rwose ?

SIMBIKANGWA : Umva ikingenza, nasabye umukobwa twiyumvikanira cyane mbese yantwaye umutima rwose ku buryo butavugwa. None rero iwabo gagashaka kumunyima ngo keretse ntanze inkwano ya15 000 frs Kandi ibyo bifaranga byose ntabwo nabibona cyangwa nanayabona , n namara kuyatanga yaza ugasanga turabana nabi , turatandukana maze n'amafranga namutanzeho ugasanga apfuye ubusa tutagishoboye kubana. None rero icyali kinzanye bakaba bali babandangiye, ko ngo mwashobora kuba mwangeragereza.

SENGUGE : Ibyo nibyo bikuzanye? Ibyo ni ubufindo kuli njyewe, ndetse nibirenze ibyo ndabishobora .

page 20. Simbikangwa, Senguge, Uwimana, Mpfuyuruhe, Iligagiza (4ème scène)

Umupfumu amaze kumubwira ko yashobora ibyo byali bimuzanye aherako atuma umwana we ngo amuzanire ibikoreshobye xxkxx. kandi ngo amuzanire n'abamutegeka (abamutegeka ni imandwa naho xxxxxxxxx ibikoresho bye ni imbehe, inzuzi n'imyambaro ye ya gipfumu)

SENGUGE : Aliko rero xxxx nabibatunganyiliza nagira gute, nanjye mfite abantegeka , ngirango kandi uziko nta kazi katagira umutegeka wako umugapita mbese . Nibo rero baguca amafranga ugomba gutanga .

SIMBIKANGWA : Abo babategeka se balihe ngo twiyumvikanire .

SENGUGE : Reka nze mbaguhamagalire .

Uwo mupfumu abwira umwana we ngo axxxxx amuhamagalire abamutegeka . Abo bamutegeka

ni xx umuntux wali wambaye ikintu mu xxx maso kimuhindura isura maze hakagaragara amazuru, iminwa, n'amaso gusa . Uwo muntu yali muli bene wa mwobo uba muli salle hamwe souffleur yicara . uwo muntu iyo yavugana na nuwo mupfumu yahinguraga umutwe we ufite forme xxkxinkiy'inyamanswa kxxx kubera ibyo yambaye . Maze wamubona nawe mbese bikagutera ubwoba. Avugana kandi nuwo mpfumu mu kilimi cy'uruganda .

Nuko uwo mupfumu arabahamagara maze baravugana , amubwira ibyo Simbikangwa yifuza .. Nuko uwo mupfumu akomeza kwinginga iyo mandwa ye , arangije abwira Simbikangwa ngo ni yongere asubiliremo iyo mandwa ikimu- xgxxx genza . arangije iyo mandwa ibwira wa mupfumu ko agomba gutanga ihene y'ibara limwe akayigerekaho n'amafranga 500 yo kuyigulira imyumbati yo kuyilisha. Nuko Simbikangwa abwira uwo mupfumu kumubwilira iyo mandwa ko atabona iyo xxxahene y'ibara limwe ahubwo xx ko yamucira limwe amafranga yose maze akayabaha . Nuko imandwa imwaka 2 500 frs . Amaze kuyamuca , uwo mupfumu axxxx aherako aragulira Simbikangwa amubwira yuko ibyo byose biterwa na nyirasenge wapfuye akagwa kugasi ntabone abamuhamba maze xxxxxxxxx akalibwa n'impyisi n'inkongoro, amubwira mbese ibintu byinshi byababapfumu bavuga byose .(uwo kandi ukina rx rôle y'ubupfumu abikina nkuko abandi bapfumu basanzwe mu kinyarwanda cyacu babikina arabiryoshya cyane rwoe )( . Nuko bamaze kubwira Simbikangwa ikibitera bamuha ~~imigi~~

impigi agomba kujya agendana . Maze uwo ~~mupfum~~

Nuko uwo mupfumu amaze kubwira Simbika-ngwa ikibitera ,amuha impigi maze amutegeka ko azayishyira mu musatsi , mu musaya w'iburyo maze akazajya iwabo wuwo mukobwa maze akazasa numushuka hanyuma uwo mukobwa azahita yemera ntakibuza. Uwo mupfumu maze kugirango amwizeze amubwira nabo yagiye agilira bene ubwo buryo hanyuma bigatungana. Amaze kubwira Simbikangwa gutyo, nuko Simbikangwa ahita asezera agenda yihuta ajya iwabo wa Uwimana . Dore nguwo aragiye agezeyo asanga Mpfuyuruhe aliwe se wa Uwimana asanga umugore we aramutora inda, naho Uwimana alimo gusoma ikinyamateka ageze mu rugo asanga Mpfuyuruhe araganira n'umugore we muli aya magambo :

ILIBAGIZA : Aliko izi nda zigiye ku kwica wagiye ~~ku kwica~~ wagiye ufura mu mu mutwe maze ukareba ~~kontazikira~~. ko utazikira !!!

MPFUYURUHE : Ubu se nazikira koko !!!

ILIBAGIZA : Umurabyo uratinda

PFUYURUHE : Byihorere ndaza kuzihagulikira maze ndebe ko nakumvikana nazo.

muli ako kanya Simbikangwa aba ageze mu rugo arasuhuza

SIMBIKANGWA : Muraho yemwe

Nuko bose baramuhobera uko bali bateraniye aho ni ukuvuga Mpfuyuruhe, Ilibagiza, Uwimana

MPFUYURUHE : Ababyeyibaraho se Simbikangwa we ?

SIMBIKANGWA : Baraho ngo mutahe .

MPFUYURUHE : Ilibagi, Ilibagi, reka tubise abana biganilire, abato baba bafite byinshi baganira by'amabanga .

ILIBAGIZA : Ubundi bwo . Arega twali twibagiwe nuko kwa Bihondwa badutumiye. Uyu munsi umukobwa wabo yaje guca mw'irembo .

MPFUYURUHE : Nibyo koko, byali bindenzeho . Tunyarukireyo koko twe kwitera umwaku .

Nuko se na nyina wuwo mukobwa basezera kuli Simbikangwa maze baragenda. Ba maze kurenga irembo maze Uwimana ajya mu nzu azana icupa ly'abyeli n'ibirahure bibili maze azimanira Simbikangwa nuko barakomeza ~~baxxxx~~ baranywa baganira muli aya magambo :

UWIMANA : Ko ntabaherutse se Simbikangwa we ?

SIMBIKANGWA : Oya, ntacyo umbaza bya nteye agahinda rwose. Kubona ukuntu twabanaga, twiyumvikaniye hanyuma ukanyemerera ko twazabana none iwanyu bakaba barabyanze ngo keretse ~~mili~~ nkoye 15 000 frs.

Ubwo wowe urabivugaho iki ?

~~XIKXIXANXXX~~

UWIMANA : Hanyuma se ubona ko nabigenza gute ko ntitegeka ?

Umukino wa mbere

Uwo musore Gatete ntabwo byamushobeye RWOSE alimo kubunza umutima w'ahantu azakura umugore. Dore nguwo yicaye iwabo mu rugo yipfashe bupfubyi ibitekerezo byamubanye byi akangali . Alimo gutekereza mu bakobwa bosé azi, alinabo biganye , aliko yabuze uwo yazabana nawe .

Aliko alimo gutekereza uwitwa Uwingabire biganye muli IPN ; niwe umutima we ulimo kugwaho gusa ntawundi . Mu gihe akibyiga abona bagenzi be bigeze kwigana muli Collège Officiel ngabo baraje , ngabo baturutse mu marembo baje baseka kuko bali babonye inshuti yabo yamagara , baherukaniraga mw'ishuli gusa . Ngabo bageze mu rugo bararamukanya , abaha icyo bicaraho bararuhuka . Abaha na primus bica akanyota maze baratangira baraganira :

GATETE : Amakuru yanyu se ko ntabaherutse ?
KAJISHO : Ubu ntabwo twabaga ino aha ?
GATETE : Ubu se muvuye mu rwanda rwahe ?
KAVOMERWA : Ubu tuvuye hakurya y'amazi magali .
GATETE : Mwali mwarajyanywe se n'amahoro ?
KAJISHO : Twali twaragiye gusuzumira hamwe nabandi basilibateri bo kwisi ikibazo giteye inkeke muli iki gihe, kerekeye abakobwa n'abahungu bubu .
GATETE : Murakagire inkuru ni mubimpe neza . washoboye se kugera kuki rwose ?
KAVOMERWA : Icyo twashoboye kugeraho nuko ababyeyi b'umuhungu n'abumukobwa bajya bateranya amafranga bakayaha abana babo , kugirango bashobore gushinga urugo maze rukomere, mbese abana babo kugirango bashobore kumererwa neza. Ikindi kandi twashoboye kugeraho muli iki gihe ni ikibazo kerekeye inkwano . Twarebeye hamwe dusanga ababyeyi b'umukobwa badakwiliye kwaka inkwano , kuko inkwano ni ukugulisha umukobwa wabo kandi ntakiguzi cy'umuntu kibaho . Ibyiza rero ni uko ababyeyi b'umukobwa badakwiliye kwaka inkwano, ahubwo ibyiza ali uko ababyeyi bombi ni ukuvuga babamwana bajya bateraterany amafranga bakayaha abana babo kugirango bashobore gushinga urugo rukomere . Maze ababyeyi b'umukobwa bakabona gukosha nyuma bamaze no kureba ko abana babo babanye neza.

KAJISHO : Ubuse ukora kazi ki Gatete we ?
GATETE : Ubu ndi directeur wa OPROVIA .
KAJISHO: Ntaho urafiansa rero ?
GATETE : Mbilimo , aliko nashatse uwo nasaba nahebye. Aliko ndumva nshaka gusaba wa mukobwa wo kwa Mpfuyuruhe witwa Uwingabire , umwe w'umuproffesseur

KAVOMERWA : Nushaka wihagaralire. Niko se shahu uliya mukobwa w'indaya wilirwa muli za Bar, wisiki nandi mayoga y'amako yose akaba yaramunyereje urura, sha niyo wamuzana ntacyo ya kumalira.Ko atashobora se no kubyara . Ntabwo yabishobora abasore bamumaze mpa numve . Ngaho kandi Gatete we , murabeho .

GATETE : Ngaho ni mukoze ndeba imvura isa nigiye kugwa maze mugire muve mu nzira.

Bagenzi be ngabo baragiye maze amaze kubarenza irembo araza ahagarara mu rugo yibaza ukuntu bamubujije gusaba Uwingabire kandi aliwe nshuti ye y'amagara kandi nta ngeso mbi amxxx amuziho, aliko ntabwo byamushobeye dore nguwo yifashe bupfubyi. ahagaze mu rugo iwabo dore ihyo yivugishaga

Ubuse ngirente ? Ko uliya mukobwa aliwe nali nizeye none ukaba wumva bamuvuga ayica inka . Ubuse nemere ibyo bambwira cyangwa mpfe mwandikire, hanyuma nanyemerera nza murongore maze nzabe ndeba ko ingeso xxxxx zose bamuvuga alizo koko . Yewe reka nze mwandik - kire . Birya bishaka nk'ibyurusimbi rwa Nyasiro kandi na Bikolimana ni umwana w'umunyarwanda . Naho ubundi uwakwishinga ibyo numva hanze ahangaha wasanga nsazira aho kandi ntali ikiremba reka nze mwandikire .

xxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxxx
xxx

Ajya mu nzu azana ikaramu n'urupapuro maze aratangira arandika :

Kuwantwaye umutima Uwingabire xxxxx, mbese wiliwe ? Amakuru yawe ? Reka njyewe ntabwo indwara hita am our irangera amajanja kubera wowe Ubuse ubona ko nayikizwa niki ? Ku bwanjye ndeba ali uko twazibani-ra . kandi ngirango nta ngeso mbi nkuziho ndetse nanjye nuko, nizeye nizeye kandi ko bigomba gutungana . Umpere kandi uwo urukuzaniye igisubizo .

Nuko Gatete amaze kurwandika, abona murumuna we araje maze nibwo axx arumuhaye ngo arumushyilire Uwingabire. Murumuna we aragenda, ageze iwabo wa Uwingabire, asanga iwabo bagiye xxxx guhinga , naho Uwingabire alimo kwisokoza. Amaze kugerayo nibwo arumuhereja nuko Uwingabire arusoma bucece, amaze kurusoma aramubwira ngo agende maze aze kugaruka saa 8 amuheigisubizo.

Nuko aragenda maze Uwingabire asigara yivugisha yishimye cyane :

UWINGABIRE : Ndakize pe !!! Kubona ngiye kurongorwa na directeur naho ureke xx iliya mbwa Simbikangwa y'imoniteur agri vashatse kxx kumbenga kandi ntacyo indusha .

Ngabo se na nyina bavuye guhinga, amasuka bayatwaye ku ntugu zabo . Bageze mu rugo basanga umukobwa wabo yishimye cyane maze bamubaza icyamuteye ibyo byishimo adasanganywe . Maze nibwo ababwiye ko ali baruwa ya Gatete yabonye yamubwiraga ko ashaka kumusaba . Maze se akimara kubyumva isuka ayitera mu birere alirahira cyane kubera ibyishimo maze nibwo avuze ati:

MPFUYURUHE : Gatete kaliya kaka diregiteri, kadasiba i burayi .Aho uzi amaduka afite i Kampala, uzi amataje yujuye i Kigali, uzi amamodoka afite. Aho rega njye si abakwe mbonye !!! Ugomba kumwemerera .

UWINGABIRE : Reka nze mwandikire .

Hanyuma Uwingabire ajya mu nzu azana urupapuro n'ikaramu maze aratangira aramwandikira kuli ubu buryo :

Kuli sheli Gatete, mbese wiliwe ? Amakuru yawe se ? Ibyo wanyandikiye umbaza narabyemeye ndetse n'iwacu nabo baremeye . Nizeye rero ko ntakindi kigomba kubibuza . Ugukunda Uwingabire .

Akimara kurwandika abona wawundi yabwiye kuza kureba igisubizo saa 8 arahageze . Asanga amaze kurushyira mwibahasha maze ahita arumuhereza aragenda . Amaze kugera mu rugo asanga Gatete ali ku meza alimo kurya, naho se wa Gatete aliwe Nkusi yagiye kombarera urutoki. Maze Gatete amaze kurya ararusoma . Amaze kurusoma abona se araje avuye mu rutoki afite umuhoro mu ntoki yambaye imyenda ya kavaga maze barasuhuzanya nibwo batangiye kuganira :

NKUSI: Mbese wavuye ku kazi lyali Gatete we ?
GATETE : Amagurd ni aya .
NKUSI : Ya modoka se wayisize hehe noneho ?
GATETE : Umushoferi yagiye kuyinywesha lisasi . Kandi ntalibagirwa nagirango mbamenyeshe ko nshaka gusaba Uwingabire .

NKUSI : Uwingabire mwene Mpfuyuruhe uliya ? Ntabwo namenya niba mwazashobokana Aliko mwana wanjye niba wumva aliwe umutima wawe ugwaho, uzamusabe . Aliko mbere ya byose haliya hakurya i Gaculiro , hali umugabo w'umupfumu witwa Senguge, uwo mugabo rwose aremewe cyane ni kirangamirwa usanga abantu batava iwe kubera umwuga afite ukaze . None rero mbere yo kwiroha muli ibyo bintu ibyiza nuko twajyayo maze tukamubaza niba mwazashobokana, niba mwazashobora kubana neza .

GATETE : Tubana neza gute ?

NKUSI : Ngo mubana neza gute ? Aho ntugirango kuzana umugore ni ukuza mu karyama gusa ? Hali ubwo wamuzana afite umutwe mubi maze ugasanga araguteza ibyago. Baragukura ku kazi, ugafungwa, ugacyena ukamererwa nabi cyane mbese bitewe nuwo mugore wazanye ufite umutwe mubi .

page 30 SCène N. 3 Gatete, Nkusi, Senguge .

GATETE : Nibyo noneho nabyumvishe , reka tunyarukireyo .

NKUSI : Aliko se ubu turakurahe ikihumbi cyangwa amahené wumva ngo baca ?

GATETE : Reka nze nzane amafranga dupfe kuyitwaza, nibaduca amahene xxxx maze tubahe amafranga ahwanye nayo mahene aliko babidutunganyilize . Ali rwangendanyi se ishaka gukulikirana umuntu wabona ntirukankiye uwo muvuna xxx muheto w'umukobwa ngo xx nuko afite intege nziza akaba afite n'amashuli yuzuye agatebo maze akankoraho, ugasanga aranteza ibyago . Ye, reka tujye kureba uwo mupfumu maze twumve ibyo atubeshya . Maze dupfe kwitwaza 5 000 frs kuko tutazi ibyo aduca .

Gatete na se ngabo bagiye kwa wa mupfumu, ise ali xx imbere naho Gatete amuli inyuma .

baragenda bageze kwa wa mupfumu basanga alimo gukongora igisheke . Bahageze barasuhuza , arabikiliza, abaha icyo bicaraho bararuhuka maze batangira kuganira :

SENGUGE : Amakuru yanyu se ?

NKUSI : Ni meza ni ndwara nyinshi . Kandi tutaza kumera nka wawundi wagiye gutira impfizi maze yasanga babaga agahugira kurangamira inyama maze uje xxx nyuma ye xxxxx,akayimutwara .

SENGUGE : Muragenzwa niki se rwose ?

NKUSI : Umva uyu xxxxxxx musore wanjye hali umukobwa ashaka gusaba kandi nalinzi ko mufite umwuga ukaze, tukaba twali tuje kubabaza niba bazashobora kubana neza . Bakamererwa neza mu rugo rwabo, mbese xxxx bagatunga bagatunganirwa.

SENGUGE : Cyakora nanjye mfite abantegeka nibo mwakwiyumvikanira ngirango kandi namwe xx murabizi nta kazi katagira umugapita .

Nkusi : Balihehe se ngo tugire icyo twageraho ?

Nuko wa mupfumu ahamagara umwana we wali mu x-nzu ngo namubwilire abamutegeka ko hanze hali abamushaka . Abamutegeka baraza maze bakajya bavuganira mu mwobo umwe uba muli salle hamwe souffrezur yicara . Abamutegeka ni umuntu wambaye ikigofero mu maso maze hakagaragara amaso, xxxxxxx amazuru n'iminwa gusa. Kandi bavuganiraga muli urwo rwobo, bakavugana ikilimi abandi batumva, maze uwo mupfumu akajya asemulira abalibaje kuraguza . ( Iyo bavuga kandi , bavuga cyane kugirango abazaba baje kureba bumve neza kuko ibyo bavuga bishekeje cyane )) . Nuko abo bamutegeka bahageze batangira kuganida cyane ababwira ikigenza babo bantu . Aliko amaze kuhagera , Gatete na se batangira kumunegura bamuryanirahirana inzara. Umupfumu amaze kumubwira xxxxxxxxxxx ikibagenza, nibwo bavuze ngo bagombo kubarushya cyane kuko baje ngo bagatangira xxxxxx kubanegura .

Maze bamubaza ibyo abamutegeka bavuga, nibwo ababwiye ko ngo abamutegeka bavuze ngo : Ibintu byabo birakomeye cyane kandi ngo akaba yaje maze bagatangira kumunegura none nawe akaba agomba ngo kubarushya .

Nkusi : Ngo arashaka iki se rwose ?

Umupfumu nibwo abajije abamutegeka icyo bifuza maze barakimubwira .

NKUSI : Bababwiye ngwiki ?

SENGUGE : Ngo kugirango abatunganyilize ibintu byanyu ngo nuko mwamuha ihene y'inkone y'ibara limwe, mukamuzanira ikimasa cy'urusengo gifite ibya limwe, , mukazana igi ry'ihene, mukazana ubwanwa bw'inzoka, mukazana ihembe ry'inkoko maze ngo mukagerakaho n'amafranga 2 000 frs byo kugura agatabi . Ngo ntimuzabizane ku manywa cyangwa ninjoro kandi ngo ntibizazanwe n'umuntu wigitsina gabo cyangwa gore .

Maze Gatete na se birabatangaza cyane nuko binginga uwo mupfumu ngo abasabire imbabazi ngo kuko ntaho bakura ibyo byose ahubwo ngo babacire limwe amafranga ahwanye nibyo byose . Nibwo umupfumu ahereyeko abasabiye imbabazi nibwo babaciye 4 500 frs .

Bamaze kuya tanga umupfumu arabanulira abatereda inzuzi zangwa kweda , hanyuma umupfumu abaza abamutegeka igituma ziter... nibwo bamubwiye ko ikibiteda ali uko uwo mukobwa ashaka gusaba afite umutwe mubi.

GATETE : Ngo awufite gute ?

Umupfumu arongera abaza abamutegeka ukuntu afite umutwe mubi . Hanyuma bamubwira ko mutwe mubi afite azamutera ngo namara kumuzana azava ku kazi, bazamufunga ahere muli gereza bamubeshyera ngo yibye kandi atibye, urugo rwe ruzagira ibyago ndetse n'umulyango we wose hanyuma babwira uwo mupfumu ako agomba kubwira Gatete ngo akore uko ashoboye kose ngo yilinde uwo mukobwa kuko azamukoraho . Nuko uwo mupfumu abitekerereza Gatete na se nkuko abamutegeka bali bamaze kubimutuma

NKUSI : Ibyo mutubwiye mutubwiye twizeye ko mutajya mubeshya , none rero ni ukumwilinda koko .Murabeho kandi .

Nuko Gatete na se basezera kuli wa mupfumu

Gatete na se ngabo bavuye kwa wa mupfumu none bageze iwabo baje bishimye kuko bali ~~abali~~ bagiye kwiroha kuli uwo mukobwa maze akazabakoraho batabizi . Nguwo Nkusi alicaye aragira umuhungu we inama, umuhungu we arahagaze . Dore uko yamubwiraga :

NKUSI : Rero Gatete dore tuli twembi ntawundi utwumva, ngusabye ko wakora uko ushoboye kose maze ukilinda uliya mukobwa. Umva siwe mukobwa wenyine , none rero ibyiza nuko wamwilinda niwanga kandi ni akazi kawe

Gatete : Ahubwo reka nze mwandikire .

Nuko Gatete ajya mu nzu azana ~~xxx u~~ urupapuro n'ikaramu maze aramwandikira muli aya magambo :

Kuwo ducanye umubano Uwingabire, ibyawe byaramenyekanye. Niba wali wizeye ko ali njyewe ugomba ku kurongora, ngirango sinjye mukobwa muhungu ngenyine kandi nawe si wowe mukobwa wenyine. None rero nshuti urabeho ngiye gushaka ahandi. Ni njyewe Gatete Gaspard, directeur wa OPROVIA.

Amaze ku rwandika abona murumuna we avuye kuvoma maze nibwo arumuhaye. Maze murumuna we amaze kwitura ikibindi agishyize mu nzu ashyira Uwingabire ya baruwa. ~~amaze~~ None nguwo murumuna we ageze iwabo wa Uwingabire asanga Uwingabire akubura, naho iwabo bali mu nzu . Ahageze ahereza Uwingabire ya baruwa hanyuma ahita asezera ~~xxxxxx~~ arataha. Maze Uwingabire afungura ibahasha asoma ya baruwa, maze atangira kulira :. Hanyuma iwabo nibwo basohotse bamubaza ikimuliza, nibwo ahasomeye ya baruwa bundi bushya . Hanyuma iwabo nabo batangira ~~xxxxxx~~ kurakara. Nibwo se avuze ati :

MPFUYURUHE : Aho si rwanga ndanyi ufite wowe ra ?

UWINGABIRE : Ye ni nayo koko. Kubona abantu babategetsi tunganya amashuli ba baza kunsaba hanyuma bakambenga, kandi nta ~~xxxxxx~~ ngeso mbi bambonyeho, none mukaba mureba ngiye gusazira aho abo tungana bakaba balinze kubyara kane. Ubu njye mubona nkwiliye kumera gutya gute rwose koko .

MPFUYURUHE : Ubu ni uguhaguruka tugahagarara maze ubwo bukristu bubuza kujya kuraguza no guterekera tukabwihorera maze tukemera tukaba abapagani, ahandi hatabatije tuharusha iki ?
Bihozagara yandangiye umugabo w'umupfumu uragulisha agacuma witwa SENJUGE atuye hakurya haliya i Gaculiro, reka tujye kumureba maze twumve icyo atubwira .

ILIBAGIZA : Kuko mutazi icyo abaca mwali mukwiliye kwitwaza 3 500 frs .

MPFUYURUHE : Ngaho se yarebe maze utugilire vuba .

ILIBAGIZA : Ndamenya se mwarayabitse he kandi ?
MPFUYURUHE : Reba muli rya hembe xxlxx lili mu kimuga cy'ibishyimbo mu nsi y'urutara .

Umugore we ajya kuharebera maze abazanira amafranga arayabahereza nibwo bagiye . Baragenda bageze kwa wa mupfumu basanga yicaye ku musambi alihandura . Bahageze barasuhuza,arabikiliza abaha icyo bicarsho maze batangira kuganira :

SENGUGE : Amakuru yanyu se ?
MPFUYURUHE : Ni meza .
SENGUGE : Muragenzwa se n'amahoro ?
MPFUYURUHE : Reka ntabwo uyu mukobwa wanjye nta munsi bataza kumusaba aliko bakamubenga nta mpamvu ibiteye , nta ngeso xxx mbi afite. None rero tukaba twali tuje kubabaza ikibitera .
SENGUGE : Ibyo nibyo bibagenza nta bindi ?
MPFUYURUHE : Ni ibyo bitugenza .
SENGUGE : Reka ibyo biroroshye , ni ubufindo kuli njyewe xxxxx nako umurabyo uratinda.
MPFUYURUHE : Ngaho se rwose mutugeragereze ?
SENGUGE : Aliko kugirango nshobore kumara neza urubanza rwanyu, nuko mwampa 2 000frs .
MPFUYURUHE : Ngaho ni mwakire aliko mubidutunganyxlize. ( akora mu mu mufuka

arayabaha. Ax Amaze kuyamuha ,ahamagara umwana we ngo amuzanire ibikoresho bye ni ukuvuga imbehe ,inzuzi, xxxxxxxx n'imyambaro ye ya gipfumu yambara aragura. Aliko icyo gihe ntiyiliwe ahamagara ya mandwa kuko ibyo yarabyishoboreye. Nuko wa mwana amaze kubihageza, aratangira arabaragulira maze arababwira ati :

Dore rero xxx musaza nawe mukobwa, uyu xxxxx mukobwa wawe nta mugabo ateze kubona . Kandi byose bikaba biterwa n'amashitani aturuka iwabo w'umugore wawe. Umugabo uzabona , nta mahoro muzagira ntukangwe nuko ufite amashuli akataje. Azagupfira ubusa muzamererwa nabi mu rugo rwanyu. Aliko umuntu ndeba mwashobora kubana neza amafranga ukorera akabagilira akamaro, mbese mugatunga mugatunganirwa, abantu bakabifuza nuko warongorwa n'umusore witwa Kabwirwa akaba ali mwene RUJUJU na nyina KANTARAMA . batuye ku musozi ubangikanye nuwanyu. Aliko kuzamubona birakaze kuko ni umuntu w'umuhinzi ukennye cyane utagira inzara zo kwishima Aliko kugirango uzamubone reka nguhe impigi maze xxxx uyishyire mu musatsi aliko ntuzayite, kuko xx nuyita bizaba bikurangiliyeho Ugende ugende maze umutongoze, mbese umuryoshyaryoshye . Nizeye kandi ko agomba ku kwemerera byanze bikunze ,. Kuko ibi sibwo x bwa mbere nabigira., hali benshi mpora mbigilira .

Nuko barasezera barataha, ise ajya mu rugo

" page 6. Scène 15. Uwingabire, Kabwirwa , Kavomerwa, ...

Nuko barasezera barataha maze ise ajya mu rugo ntaho Uwingabire ahitirako ajya iwabo wa Kabwirwa nkuko wa mupfumu yanamaze kubimubwira. Agezeyo asanga Kabwirwa ali mu rugo wenyine, iwabo ntibahali. Ahageze asanga Kabwirwa avuye guhinga yambaye imyenda ya kavaga yacikagulitse , idaheruka mu mazi . Asanga kabwirwa agaramye ku gasambi niho akiva guhinga , ubulimiro xxxxxxxxxx bumwuzuyeho. imisatsi ye ni injwili xx ntiheruka urusokozo, afite ikijumba kitaronze alimo kugihekenya, ukuboko kumwe gufashe ikijumba naho ukundi kulimo kwagaza igisebe cy'umufunzo yararwaye. Maze Uwingabire ahageze akubitwa n'isoni biramushobera areba uwo muntu bagiye kubana uko asa . Ageze mu rugo aramusuhuza maze Kabwirwa amuzanira icyo yicaraho araruhuka Aliko Kabwirwa atangira guhinda umushyitsi abira icyuya kubera uwo muntu waruje kumugendera areba uko asa nawe uko asa ntaho bahuliye amurusha kumererwa neza. Maze Uwingabire aramubwira xxxxx ati :

UWINGABIRE : Ubu rero ikingenza mbona xx umbereye mwiza ali wowe umutima wanjye ugwaho. Kuko ufite ingeso nziza, ntujye mu bya basore bubu none rero nkaba ngirango twibanire.

Maze Kabwirwa abyumvishe, yikubita hasi kubera ubwoba ahinda umushyitsi cyane aliko kubera ya xx mpigi wa mupfumu yali yahaye Uwingabire Kabwirwa yamubwiye adidimanga kubera ubwoba ati :

KABWIRWA : Ugende ngiye kubyiga neza, nzaza iwanyu xxxxxxxxxx mbikumenyesha

Muli ako kanya abona xx Kajisho na Kavomerwa baje iwabo . Ngabo baturutse mu marembo ngabo baje mu rugo , ngaho baje baseka maze baramutsa Kabwirwa, abaha icyo bicaraha maze batangira kuganira .:

KABWIRWA : Ko ntabaherutse se ?
KAJISHO : Ubu twabaga mu kwezi sha!?
KAVOMERWA: Mama na papa bagiyehe se Kabwirwa we ?
KABWIRWA : Sinakubeshya .
KoK
KAJISHO : UBU Se shahu ntabwo baragusabira ?
KAVOMERWA : Aliko sha wakwititse kiliya gikobwa cyo kwa x Mpfuyuruhe bita Uwingabire maze ukukirongora, kandi ko gifite amafranga yabatunga kugeza mu pfuye. Maze iyo suka igiye kuguca amaboko ukayifasha hasi maze ukicara mukarya amafranga .
KABWIRWA : Arega nanjya nali mbilimo. Ejo bundi yaraje arantongoza aliwe xxxx ngo tusibanire , aliko ndumva mutinya . Aliko se x shahu utaralinda